



**ASSOCIATION RWANDAISE POUR LA DEFENSE DES  
DROITS DE L'HOMME**

**A.R.D.H.O**

**B.P 1868 Kigali-Rwanda Tél : 0788351377, 0788602848**

**E-mail: [ardho1990@gmail.com](mailto:ardho1990@gmail.com), Web site: [www.ardho.rw](http://www.ardho.rw)**

---

**URUHARE RW'INZEGO Z'IBANZE MU KURWANYA NO  
GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GISTINA N'INDA  
ZITERWA ABANGAVU HIMAKAZWA UBUTABERA**

**VENUE: MUSANZE DISTRICT  
PERIOD: DECEMBER 2022-NOVEMBER 2023**

# INTANGIRIRO

- Kuva mu kwezi kw'Ukuboza 2022 kugeza mu Ugushyingo 2023 Kamena 2023, ARDHO ifatanyije na Komite Mpuzabikorwa y'ubutabera mu Karere ka Musanze bashyize mu bikorwa umushinga witwa “ ***Uruhare rw'inzego z'ibanze mu kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gistina n'inda ziterwa abangavu himakazwa ubutabera***” watewe inkunga na RGB/UNDP.

# Ibikorwa b'ingenzi byibanzweho

- Habaye inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zafatwa ku gukumira no kurwanya isambanywa ry'abana n'inda ziterwa abangavu mu Karere ka Musanze.
- Iyo nama yahuje ubagize Komite mpuzabikorwa y'ubutabera, abarimu bashinzwe imyitwarire mu bigo by'amashuri n'abahagarariye imiryango itari iya Leta ikora ku ihohoterwa rikorerwa abana.
- Hibanzwe ku kureba icyakorwa ngo ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bukumire kurushaho isambanywa ry'abana no gutwita kw'abangavu; harebwe kandi icyakorwa mu mashuri, icyakorwa n'ababyeyi ngo hakumirwe kurushaho isambanywa ry'abana no gutwita kw'abangavu n'izindi ngamba zikenewe ngo abana barusheho kumenya ubuzima bw'imyororokere.

# Ibikorwa....

- Habayeho amahugurwa y'abarimu n'abayobozi b'ibigo ku burenganzira bw'umwana no gushyiraho ingamba zo kurengera abana mu rwego rwo gukumira inda ziterwa abangavu n'ihohoterwa rikorerwa mu mashuri
- Ibi biganiro byari bigenewe abayobozi bahagarariye abandi bashobora gufasha mu guhindura imyumvire kugira ngo hafatwe ingamba zo gukumira ibyaha byo gusambanya abana no gutera abangavu inda.
- Habayeho kandi ibiganiro n'abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri 10 bigamije gukangurira no gufasha urubyiruko kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina hakiri kare, kurwanya gutwita kw'abangavu, kwirinda ibiyobyabwenge n'ibindi bijyanye n'uburenganzira bw'umwana no gufata ingamba zo gutegura ubuzima bw'ejo hazaza hafite intego.

# Ibikorwa...

- Hakoze ibiganiro 4 kuri Radio byerekeranye no kurwanya ibyaha byo gusambanya abana no gutwita kw'abangavu himakazwa ubutabera hanatangwa ubujyanama mu by'amategako no kuburana imanza 16 ku ndishyi zikomoka ku byaha byo gusambanya abana mu Nkiko za Musanze aho abahohotewe bagenewe indishyi ziri hagati ya 500,000FRW kugeza kuri 10,000,000FRW.
- Habayeho kandi guhuza abantu bajijutse kandi bahagarariye ibindi byiciro by'abaturage no kuja impaka ku bibazo bigaragara mu ishyirwa mu bikorwa ry'amategako no gukurikirana ibyaha byakorewe abana; Kubasembura no kubatega amatwi bakagaragaza uko ikibazo gihagaze kandi bagatanga inama n'ibitekerezo biganisha ku buryo babona ikibazo cyakemuka burundu; Kugeza ibitekerezo byabo ku buyobozi bw'Akarere ndetse n'izindi nzego bibanje gusesengurwa neza na Komite Mpuzabikorwa ikareba uko byashyirwa mu bikorwa ndetse nayo ikagaragaza uko ibibona kugira ngo bifatirwe ingamba z'igihe kirambye.

# Ingingo zibanzweho mu biganiro

- ❑ Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana; ibyaha byo gusambanya abana no gutera inda abangavu n'ingaruka zabyo ku muryango nyarwanda no ku Gihugu;
- ❑ Guhana, gukumirwa no kurwanya ibyaha byo gusambanya abana n'inda ziterwa abangavu himakazwa ubutabera
- ❑ Ububi bw'ibiyobyabwenge, ingaruka zabyo ku muntu, ku muryango, ku Gihugu n'inzira zo kubikumira no kubirwanya;
- ❑ Ibibazo by'amakimbirane mu muryango n'uko yakumirwa, n'ibindi.

# Ibyifuzo nama byahawe inzego z’ubuyobozi,ibigo by’amashuri ndetse n'icyakorwa n’ababyeyi.

| ABAYOBOZI<br>Z’IBANZE                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         | B’INZEGO | IBIGO BY’AMASHURI                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |
|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <ul style="list-style-type: none"><li><input type="checkbox"/> Gufata ingamba zo gutahura abahohoteye abana ngo bashyikirizwe ubutabera, gutangira amakuru ku gihe;</li><li><input type="checkbox"/> Gusura ku buryo buhoraho ingo ziri mu makimbirane zikigishwa kuyareka no kubana mu mahoro hagamije kubungabunga uburere buhabwa abana mu miryango no guharanira iterambere ry’urugo kuko iyo bibuze bishora abana mu busambanyi</li><li><input type="checkbox"/> Kurushaho gukora ubugenzuzi bw’aherekanirwa amafilime n’imikino y’amahirwe hagamije gukumira ingeso mbi zashora abana mu busambanyi</li><li><input type="checkbox"/> Guhwitura abaturage kudahishira abagaragaraye ibyaha bya</li></ul> |          | <ul style="list-style-type: none"><li><input type="checkbox"/> Kongera ubukangurambaga bugamije kurwanya no gukumira isambanya ry’abana n’inda ziterwa abangavu mu bigo b’amashuri</li><li><input type="checkbox"/> Gutegura ikiganiro kuri radiyo ku gukumira no kurwanya isambanywa ry’abana n’inda ziterwa abangavu cyahabwa abarezi bo mu mashuri yose igihe cya journee pedagogique</li><li><input type="checkbox"/> Kwibutsa abarezi inshingano n’uruhare rwabo mu kurwanya no gukumira isambanya ry’abana n’inda ziterwa abangavu bibutswa ko ari icyaha nshinjabyaha giteganywa kandi kigahanwa n’amategeko</li><li><input type="checkbox"/> Gushyiraho agasanduku k’ibitekerezo mu bigo by’amashuri abana bazajya batangiramo</li><li><input type="checkbox"/> Gushyiraho agasanduku kitwa “igiceri cy’umukobwa” kajya kifashishwa mu kugura udukoresho tw’ibanze akenera hagamije gukumira abamushuka ko bashaka kubimugurira;</li><li><input type="checkbox"/> Gukora ingendo shuri no gusangira amakuru hagati y’ibigo bimaze gutera intambwe n’ibikiri mu nzira kuri gahunda yo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutera inda abangavu</li><li><input type="checkbox"/> Kugeza ibiganiro byo gukumira no kurwanya isambanya ry’abana n’inda ziterwa abangavu mu mashuri yigenga</li><li><input type="checkbox"/> Gushyiraho imfashanyigisho ku byaha bya gusambanywa abana kandi bigashyirwa mu</li></ul> |

# Cont

## IBYIFUZO KU ABABYEYI

- ☐ Umubyeyi akwiye kugirana ubucuti bwihariye n'umwana we, akamuremamo icyizere kandi akamumara amatsiko ku bibazo bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere; ibyo bizatuma umwana amwirekuraho akamubwiza ukuri kw'ibyamubayeho bityo umubyeyi akabona aho ahera amugira inama
- ☐ Umubyeyi akwiye kumenya inshuti z'umwana we umunsi ku munsi akanamenya n'ibyo baganira
- ☐ Umubyeyi akwiye kumenya ibyo umwana ari gukora n'aho aherereye igihe atari ku ishuri
- ☐ Gutoza abana kurangwa n'umuco n'indangagaciro nyarwanda
- ☐ Kwirinda amakimbirane mu miryango atuma abana bahunga umuryango bakaba bahura n'ibishuko bibatera gusambanywa
- ☐ Guharanira imibereho myiza y'abagize umuryango wawe ndetse no kwita ku nshingano za kibyezi
- ☐ Gutoza abana gukunda umurimo unozwe ndetse no kwirinda

## KU BIJYANYE N'UBUZIMA BW'IMYOROROKERE

- ☐ Ababyeyi bombi bakwiye kugena igihe cyo kumvikana ku bumenyi bwerekeye ubuzima bw'imyororokere bagomba kwigisha abana babo harebwe icyiciro abana bagezemo
- ☐ Amashuri agomba kugena ibiganiro byihariye kandi bihoraho byigisha abana ku buzima bw'imyororokere hakurikijwe ibyiciro byabo
- ☐ Gutanga amahugurwa n'imfashanyigisho ku bayobozi bashinzwe imyitwarire b'ibigo kuko bamarana igihe kinini n'abana
- ☐ Ababyeyi bakwiye kugira ikinyabupfura bagataha kare kandi bakagenzura imyitwarire y'abana;
- ☐ Kongerera ubumenyi n'ubushobozi ama clubs yo kurwanya ihohorerwa;
- ☐ Kwibutsa abajyanama b'ubuzima gukora ubukangurambaga mu midugudu batuyemo ku gukumira no kurwanya gusambanya abana n'inda ziterwa abangavu

# IZINDI NGAMBA ZO KURWANYA ISAMBANYWA RY'ABANA NO GUTWITA KW'ABANGAVU

## Guhugura abayobozi kuri amwe mu mategeko yashyizweho

- ❑ Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe kugeza ubu;
- ❑ Itegeko N°71/2018 ryo kuwa 31/08/2018 rirebana no kurengera umwana;
- ❑ Itegeko N° 54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera;
- ❑ Itegeko N°59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ku gukumira no guhana ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- ❑ Itegeko N°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 ryerekeye ibyaha n'ibihano muri rusange.

# INGAMBA.....

## GUHUGURA ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE ZIMWE MURI ) ZASHYIZWEHO

- **Politi ikomatanya uburenganzira bw'umwana, (Integrated Child Rights Policy)** (Children will be protected from abuse, exploitation and violence);
- **Politiki y'Igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (National Policy against GBV& its strategic plan):** provides a clear orientation to different stakeholders intervening in preventing and responding to GBV of what to do, when, where and how;
- **Politiki y'uburezi bw'umwana w'umukobwa, (Girls 'Education Policy):** affirmative actions, girls 'education task force, measures for retention and completion.

# INGAMBA....

## ❖ **Politiki mboneza mikurire y'abana bato (NECDP)**

- Ishimangira uburyo bwo gutanga umurongo ufatika mu rwego rwo gutanga ubufasha mu mikurire myiza y'abana kuva bagisamwa kugeza ku myaka itandatu y'amavuko.

## ❖ **Politiki y'ubutabera bubereye umwana**

- Igamiye gutanga ibisubizo bijyanye no gutanga ubutabera bubereye umwana hashyirwa imbere inyungu z'umwana.

# INGAMBA.....

Kwibutsa abayobozi b'inzego z'ibanze uko bakorana n'inzego zinyuranye Leta yashyizeho :

- ❑ Komisiyo y'Igihugu ishinze abana, (NCC), igamije kurushaho gushyiraho gahunda n'ingamba zo kurinda no kurengera umwana, hubahirizwa uburenganzira bwe;
- ❑ **Inshuti z'Umuryango:** kuva ku rwego rw'umudugudu;
- ❑ **Umugoroba w'ababyeyi:** Aho abaturage bahura bakaganira bagafata ingamba ku bibazo binyuranye birimo na GBV;
- ❑ **Community Policing:** Aho abaturage bafatanya na Police na RIB mu kurwanya ibyaha;
- ❑ **Anti-GBV Clubs in schools:** Urubuga abanyeshuri baganiriramo ibijyanye na GBV n'ubuzima bw'imyororokere;
- ❑ Gahunda za GBV Clinics;

## INGAMBA....

- ❑ Gukomeza gutanga Ubutumwa ku ma Radiyo na TV, mu muganda wa buri kwezi, mu nteko z'abaturage, ...;
- ❑ Kwifashisha Ukwezi k'umuryango buri mwaka;
- ❑ **Gender desks** muri MINISANTE, ihuza inzego zinyuranye, (Rwanda National Police, Rwanda Defense Force and National Prosecution Authority), bakaganira ku bibazo by'ihohoterwa (GBV);
- ❑ Gukomeza Ubufatanye n'Imiryango inyuranye: (national and international, public, private civil society ) itanga ubufasha ku isambanywa ry'abana ndetse n'itwita ry'abangavu;
- ❑ Kongera Ubukangurambaga buhoraho bwo kurwanya itwita ry'abangavu
- ❑ Kuganira kuri iki kibazo mu nama y'igihugu y'umushyikirano n'umwiherero w'abayobozi bakuru b'igihugu;

# INGAMBA.....

Gukorana bya hafi na serivise zashyizweho na Leta mu gufasha abahohotewe mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, arizo:

- Isange One stop Centre (IOSC);
- Inzu y'Ubufasha mu by'amategeko (MAJ);
- Serivise ishinzwe gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ikorera mu Bushinjacyaha.

Bikorewe i Musanze ku wa 07/11/2023

Ubunyamabanga nshingwabikorwa bwa ARDHO